RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2023** Taliki 05-07 Gicurasi




**Basketball :** Ikipe y'u Rwanda yabuze itike y'igikombe cy'Isi

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Basketball :** Ikipe y'u Rwanda yabuze itike y'igikombe cy'Isi

P2 **Football :** Uko imikino y'umunsi wa 28 yagenze

P2 **Sitting Volleyball :** Gasabo na Bugesera zegukanye igikombe cya shampiyona

P3 **Basketball :** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P4 **Cricket :** Hagiye gusozwa irushanwa "Dafabet RCA T20 Men's Tournament 2023"

P5 **Handball :** Uko imikino ya shampiyona yagenze

P5 **Football :** Uko imikino ya shampiyona y'icyiciro cya kabiri yagenze

P6 **Tennis :** Marcin Andrzejczak yegukanye irushanwa "ITF World Tennis Tour Juniors 2023"

P7 **Basketball :** Amakipe yose azakina imikino ya nyuma BAL 2023 yaramenyekanye

# **Basketball :** Ikipe y'u Rwanda yabuze itike y'igikombe cy'Isi

Taliki 06 na 07 Gicurasi 2023 mu Mujyi wa Eilat muri Israel habereye imikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi mu mukino wa Basketball bakina ari batatu kuri batatu mu bagabo n'abagore "FIBA 3x3 World Cup Qualifier 2023".

Iyi mikino yitabiriwe n'amakipe 6 mu bagabo n'abagore.

Mu bagabo amakipe yari amatsinda abiri, itsinda A ryari rigizwe na Israel, Hungary na New Zealand naho itsinda B rigizwe na Slovenia, China n'u Rwanda.

Ikipe y' u Rwanda yari igizwe na Turatsinze Olivier, Ngabonziza Patrick, Hagumintwari Steven na Nshobozwabyosenumukiza Jean Jacques Wilson ntabwo yabashije kwitwara neza kuko yatsinzwe na Slovenia amanota 21 kuri 19 inatsindwa na China amanota 19 kuri 17.

Iyi kipe y'u Rwanda yasoreje ku mwanya wa 5, umwanya wa mbere wegukanwe na Slovenia, ikurikirwa na Israel (2), Hungary (3) na China (4) naho New Zealand isoreza ku mwanya wa nyuma wa 6.

Ikipe y'u Rwanda iyi ni inshuro ya kabiri yari yitabiriye imikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi kuko mu Kuboza 2022 yitabiriye imikino y'Afurika "FIBA 3×3 Africa Cup 2022" i Cairo mu Misiri yegukana umwanya wa 3 aho ikipe ya Madagascar yegukanye igikombe ikanabona itike y'igikombe cy'Isi.

Mu bagore amakipe 6 yitabiriya yari yashyizwe mu matsinda abiri, itsinda A ryari rigizwe na Czech Republic, Australia na Madagascar naho itsinda B rigizwe na Israel, Switzerland na Colombia.

Ikipe ya Australia yegukanye umwanya wa mbere, ikurikirwa na Czech Republic (2), Israel (3), Colombia (4), Switzerland (5) na Madagascar (6).

Nyuma y'iri rushanwa, amakipe 6 harimo 3 mu bagabo n'andi 3 mu bagore yabonye itike y'igikombe cy'Isi.

Aya ni Slovenia, Israel na Hungary mu bagabo na Australia, Czech Republic na Israel mu bagore.

Imikino ya nyuma y'igikombe cy'Isi "FIBA 3x3 World Cup 2023" izabera i Vienna muri Austria kuva taliki 30 Gicurasi kugeza 04 Kamena 2023. Amakipe 20 muri buri cyiciro (Abagabo n'abagore) azitabira akaba yaramaze gushyirwa mu matsinda.

Mu bagabo, itsinda A rigizwe na Serbia, France, Germany, Brazil na Madagascar. Itsinda B rigizwe na Slovenia, USA, Latvia, Austria na Australia. Itsinda C rigizwe na Israel, Lithuania, Belgium, Poland na Puerto Rico naho itsinda D rigizwe na Hungary, Netherlands, Mongolia, Switzerland na Japan.

Mu bagore, itsinda A rigizwe na France, Netherlands, Spain, Austria na Brazil. Itsinda B ririmo Australia, Germany, Japan, Poland na Egypt. Itsinda C rigizwe na Czech Republic, USA, Canada, Mongolia na Hungary naho itsinda D rigizwe na Israel, Lithuania, China, Romania na Italy.









## **Football :** Uko imikino y'umunsi wa 28 yageze

Taliki 06 na 07 Gicurasi 2023 hakinwe imikino y'umunsi wa 28 ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo. Ikipe ya Kiyovu yatsinze Musanze FC bituma ikomeza kuyobora urutonde by'agateganyo iniyongerera amahirwe yo kwegukana igikombe cya shampiyona.

Imikino y'umunsi wa 29 biteganyijwe ko izaba taliki 20 na 21 Gicurasi 2023.

**Uko imikino yagenze**

**Taliki 06-05-2023**

- Marines FC **1-0** Bugesera FC
- Rwamagana City **0-0** Police FC
- Rutsiro FC **1-0** Sunrise FC
- Mukura **3-1** Etincelles FC
- AS Kigali **2-1** Gasogi United

**Taliki 07-05-2023**

- Rayon Sports **1-3** Gorilla FC
- Musanze FC **0-1** Kiyovu
- APR FC **2-1** Espoir FC

**Urutonde rwa shampiyona 2022-2023**

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | Kiyovu | 28 | **60** |
| 2 | APR FC | 28 | **57** |
| 3 | Rayon Sports | 28 | **55** |
| 4 | AS Kigali | 28 | **47** |
| 5 | Police FC | 28 | **46** |
| 6 | Mukura | 28 | **41** |
| 7 | Etincelles FC | 28 | **40** |
| 8 | Gasogi United | 28 | **39** |
| 9 | Gorilla FC | 28 | **38** |
| 10 | Musanze FC | 28 | **34** |
| 11 | Sunrise FC | 28 | **31** |
| 12 | Marines FC | 28 | **31** |
| 13 | Rwamagana City | 28 | **30** |
| 14 | Bugesera FC | 28 | **29** |
| 15 | Rutsiro FC | 28 | **27** |
| 16 | Espoir FC | 28 | **17** |



## **Sitting Volleyball :** Gasabo na Bugesera zegukanye igikombe cya shampiyona

Taliki 06 na 07 Gicurasi 2023 mu Karere ka Gisagara habereye imikino yo gusoza shampiyona ya Sitting Volleyball "Sitting Volleyball Championship 2022-2023" aho ikipe ya Gasabo mu bagabo na Bugesera mu bagore zegukanye igikombe.

Iyi mikino ya nyuma yabereye mu nzu y'imikino i Gisagara, mu bagabo ikipe ya Gasabo yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Gisagara amaseti 3-0 (26-24, 25-19 na 25-16).

Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya Musanze yatsinze Rusizi amaseti 2-0 (25-19 na 25-22).

Ikipe ya Gisagara ni yo yari yegukanye igikombe giheruka.

Mu bagore, ikipe ya Bugesera yisubije igikombe cya shampiyona itsinze Nyarugenge amaseti 3-0 (25-14, 25-22 na 25-22).

Ikipe ya Gicumbi yegukanye umwanya wa Gatatu itsinze Musanze amaseti 2-1 (25-21, 17-25 na 10-5).







# **Basketball:** Uko imikino ya shampiyona yagenze

Taliki 05 kugeza 04 Gicurasi 2023 habaye imikino ya shampiyona mu mukino wa Basketball y'icyiciro cya mbere mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH ENERGY DRINK

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2023
## MEN'S DIV 1 - DAY 9 RESULTS
## FRIDAY 05/05/2023

**SECOND ROUND**

| | | |
|---|---|---|
| RP IPRC KIGALI | POSTPONED | ESPOIR BBC |
| REG BBC | 84-75 | UGB |
| ORION BBC | 75-73 | K TITANS |

## SATURDAY 06/05/2023

**SECOND ROUND**

| | | |
|---|---|---|
| RP IPRC MUSANZE | 54-85 | RP IPRC HUYE |

## SUNDAY 07/05/2023

**SECOND ROUND**

| | | |
|---|---|---|
| RP IPRC MUSANZE | 53-96 | UGB |
| ORION BBC | 79-63 | RP IPRC HUYE |
| RP IPRC KIGALI | 79-90 | TIGERS BBC |
| K TITANS | 65-99 | REG BBC |

FERWABA · RWANDA BASKETBALL LEAGUE · CHEETAH ENERGY DRINK

## RWANDA BASKETBALL LEAGUE 2022-2023
## MEN DIV1 | ROUND 2 RANKING 07/05/2023

| RANK | TEAM | PG | W | L | F | PTS | FOR | AGAINST | GD |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | REG BBC | 17 | 16 | 1 | 0 | 33 | 1603 | 1034 | 569 |
| 2 | ESPOIR BBC | 15 | 12 | 3 | 0 | 27 | 1232 | 1003 | 229 |
| 3 | K TITANS BBC | 16 | 10 | 6 | 0 | 26 | 1279 | 1095 | 184 |
| 4 | ORION | 16 | 9 | 7 | 0 | 25 | 1192 | 1168 | 24 |
| 5 | UGB | 17 | 8 | 9 | 0 | 25 | 1134 | 1151 | -17 |
| 6 | TIGERS BBC | 16 | 8 | 8 | 0 | 24 | 1107 | 1081 | 26 |
| 7 | PATRIOTS BBC | 11 | 9 | 2 | 0 | 20 | 920 | 663 | 257 |
| 8 | APR BBC | 11 | 9 | 2 | 0 | 20 | 992 | 596 | 396 |
| 9 | SHOOT 4 STARS BBC | 15 | 5 | 10 | 0 | 20 | 1034 | 1257 | -223 |
| 10 | RP-IPRC HUYE BBC | 15 | 4 | 11 | 0 | 19 | 973 | 1201 | -228 |
| 11 | RP - IPRC KIGALI BBC | 16 | 0 | 16 | 0 | 16 | 976 | 1414 | -438 |
| 12 | RP-IPRC MUSANZE BBC | 15 | 0 | 15 | 0 | 15 | 738 | 1517 | -779 |

PG: PLAYED GAMES W: WIN L : LOSS PTS: POINTS GD: GOAL DIFFERENCE





# **Cricket:** Hagiye gusozwa irushanwa “Dafabet RCA T20 Men’s Tournament 2023”

Ikipe ya Challengers CC na Telugu Royals CC ni zo zizakina umukino wa nyuma w’irushanwa “Dafabet RCA T20 Men’s Tournament 2023” ryateguwe n’ishyirahamwe ry’umukino wa Cricket mu Rwanda “RCA” ku bufatanye na Dafabet.

Uyu mukino wa nyuma biteganyijwe ko uzabera kuri Sitade Mpuzamahanga i Gahanga ku wa Gatandatu, taliki 13 Gicurasi 2023.

Iri rushanwa “Dafabet RCA T20 Men’s Tournament 2023” ryatangiye taliki 15 Mata 2023, ryitabiriwe n’amakipe 6 asanzwe akina shampiyona y’icyiciro cya mbere mu bagabo ari yo Challengers CC, Right Guards CC, Zonic Tigers CC, Kigali CC, Telugu Royals CC na IPRC Kigali CC.

Aya makipe yakinnye hagati yayo hanyuma ikipe ya mbere n’iya kabiri zikazakina umukino wa nyuma wo guhatanira igikombe.

Mu mpera z’icyumweru gishize taliki 06 na 07 Gicurasi 2023 habaye imikino ya nyuma y’amajonjora.

Taliki 06 Gicurasi 2023 habaye imikino ibiri aho ikipe ya Telugu Royals CC yatsinze Zonic Tigers CC naho ikipe ya Right Guards CC itsinda Kigali CC.

DAFABET RCA T20 MENS TOURNAMENT 2023
(League Matches) **20 Ov.**
GAHANGA CRICKET STADIUM, Kigali, 06-May-23 01:15 PM
RIGHT GUARDS CC
**147/6** (20.0 Ov)
KIGALI CRICKET CLUB.
**123/7** (20.0 Ov)
Right Guards CC won by 24 runs


DAFABET RCA T20 MENS TOURNAMENT 2023
(League Matches) **20 Ov.**
GAHANGA CRICKET STADIUM, Kigali, 06-May-23 08:59 AM
TELUGU ROYALS CC
**103/9** (20.0 Ov)
ZONIC TIGERS CC
**44/10** (9.3 Ov)
Telugu Royals CC won by 59 runs

Taliki 07 Gicurasi 2023, ikipe ya Challengers CC yatsinze Zonic Tigers CC naho Telugu Royals CC itsinda IPRC Kigali CC.

DAFABET RCA T20 MENS TOURNAMENT 2023
(League Matches) **20 Ov.**
GAHANGA CRICKET STADIUM, Kigali, 07-May-23 09:00 AM
ZONIC TIGERS CC
**106/7** (20.0 Ov)
CHALLENGERS CC
**108/3** (16.5 Ov)
Challengers CC won by 7 wickets

DAFABET RCA T20 MENS TOURNAMENT 2023
(League Matches) **20 Ov.**
GAHANGA CRICKET STADIUM, Kigali, 07-May-23 01:15 PM
TELUGU ROYALS CC
**154/5** (20.0 Ov)
IPRC KIGALI CC
**70/10** (14.2 Ov)
Telugu Royals CC won by 84 runs

Nyuma y’imikino y’amajonjora, ikipe ya Challengers CC ni yo yasoje iyoboye urutonde n’amanota 10 ikurikiwe na Telugu Royals CC n’amanota 6, inganya na IPRC Kigali CC iri ku mwanya wa 3, ku mwanya wa 4 hari Right Guards CC n’amanota 5, ku mwanya wa 5 hari Zonic Tiger CC n’amanota 3 naho ku mwanya wa nyuma wa 6 hari Kigali CC aho nta nota na rimwe ifite.




| | GP | W | L | PTS | NRR |
|---|---|---|---|---|---|
| 1.CHALLENGERS | 5 | 5 | 0 | 8 | 1.235 |
| 2.TELUGU ROYALS | 5 | 3 | 2 | 6 | 1.622 |
| 3.IPRC KIGALI CC | 5 | 3 | 2 | 6 | 0.016 |
| 4.RIGHT GUARDS CC | 5 | 2 | 2 | 5 | -0.211 |
| 5.ZONIC TIGERS CC | 5 | 1 | 3 | 3 | -0.841 |
| 6.KIGALI CRICKET CLUB | 5 | 0 | 5 | 0 | -2.324 |

Aya makipe yombi, Challengers CC na Telugu Royals CC ni yo azahatanira igikombe.







Iri rushanwa ryatangiye nyuma yo gusoza “Dafabet RCA T10 Men’s Tournament 2023” ryabaye kuva taliki 18 Werurwe kugeza 15 Mata 2023. Iri rushanwa na ryo ryahuje aya makipe 6, ikipe ya IPRC Kigali CC ni yo yegukanye igikombe itsinze Challengers CC ku mukino wa nyuma.

## Handball : Uko imikino ya shampiyona yagenze

Taliki 06 na 07 Mata 2023 habaye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore. Iyi mikino yabereye ahantu hatandukanye harimo muri ADEGI Gituza, Hanika, Kigoma, Nyamasheke na Huye.

**Uko imikino yagenze**

**Mu bagabo**

**Taliki 06-05-2023**

- ADEGI **19-35** APR HC

**Taliki 07-05-2023**

- Nyakabanda HBC **26-29** St Martin Hanika
- UR Huye **21-21** Nyakabanda HBC
- St Martin Hanika **28-28** UR Huye
- Vision JN **44-46** ES Kigoma
- ES Kigoma **31-46** Gicumbi HBT
- Gicumbi HBT **34-13** Vision JN

**Mu bagore**

**Taliki 07-05-2023**

- Kiziguro SS **29-18** TTC De la Salle
- ISF Nyamasheke **20-27** Kiziguro SS
- GS Kitabi **23-28** UK HBC
- UR Huye **16-36** GS Kitabi
- UK HBC **34-21** UR Huye

**Uko urutonde ruhagaze**

MEN'S NATIONAL LEAGUE TABLE STANDINGS

| RANK | TEAMS/CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | GICUMBI HT | 8 | 8 | 0 | 0 | 313 | 194 | 119 | 24 |
| 2 | ES KIGOMA | 8 | 4 | 1 | 3 | 299 | 320 | -21 | 17 |
| 3 | POLICE HC | 6 | 5 | 0 | 1 | 296 | 158 | 138 | 16 |
| 4 | APR HC | 5 | 4 | 0 | 1 | 192 | 133 | 59 | 13 |
| 5 | VISION JN | 6 | 3 | 0 | 3 | 203 | 234 | -31 | 12 |
| 6 | ADEGI | 7 | 2 | 0 | 5 | 222 | 269 | -47 | 11 |
| 7 | UR HUYE | 8 | 0 | 3 | 5 | 234 | 290 | -56 | 11 |
| 8 | NYAKABANDA HC | 8 | 1 | 1 | 6 | 198 | 305 | -107 | 11 |
| 9 | ST MARTIN | 6 | 1 | 1 | 4 | 166 | 220 | -54 | 9 |

TABLE STANDINGS AFTER DAY THREE

WOMEN'S NATIONAL LEAGUE TABLE STANDINGS

| Rank | Teams/Clubs | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | GS KITABI | 5 | 4 | 0 | 1 | 116 | 85 | +31 | 13 |
| 2 | KIZIGURO SS | 4 | 4 | 0 | 0 | 101 | 38 | +63 | 12 |
| 3 | ISF NYAMASHEKE | 5 | 3 | 0 | 2 | 100 | 95 | +5 | 11 |
| 4 | UOK | 3 | 2 | 0 | 1 | 91 | 76 | +15 | 7 |
| 5 | UR HUYE | 5 | 1 | 0 | 4 | 72 | 148 | -76 | 7 |
| 6 | UR RUKARA | 5 | 1 | 0 | 4 | 46 | 61 | -15 | 5 |
| 7 | TTC DE LA SALLE | 5 | 1 | 0 | 4 | 60 | 83 | -23 | 5 |

## Football: Uko imikino ya shampiyona y'icyiciro cya kabiri yagenze

Taliki 07 Gicurasi 2023 habaye imikino y'umunsi wa 3 irimo guhuza amakipe 4 ahatanira kuzamuka mu cyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Aya makipe 4 ni Gicumbi FC,Vision FC, Amagaju FC na Etoile de l'Est FC.

Aya makipe kuva taliki 29 Mata 2023 yatangiye gukina hagati yayo umukino ubanza n'uwo kwishyura hanyuma amakipe 2 azasoza afite amanota menshi azamuke mu cyiciro cya mbere.

**Uko imikino yagenze n'uko urutonde ruhagaze**

| | | |
|---|---|---|
| Etoile de l'Est | 4-1 | Gicumbi FC |
| Vision FC | 0-1 | Amagaju FC |

FERWAFA SECOND DIVISION PROMOTION PLAY - OFFS
STANDING DAY 3

| # | TEAM | PTS |
|---|---|---|
| 1. | Etoile de l'Est FC | 7 |
| 2. | Amagaju FC | 6 |
| 3. | Vision FC | 2 |
| 4. | Gicumbi FC | 1 |



# **Tennis :** Marcin Andrzejczak yegukanye irushanwa "ITF World Tennis Tour Juniors 2023"

Mu Rwanda habaye irushanwa mpuzamahanga ry'abatarengeje imyaka 18 mu mukino wa Tennis mu bakobwa n'abahungu riri ku rwego rwa 5 "ITF World Tennis Tour Juniors/Grade 5".

Iri rushanwa ryabaye mu byiciro 2 aho icyiciro cya mbere cyakinwe kuva taliki 24 kugeza 28 Mata 2023 naho icyiciro cya kabiri kiba kuva taliki 01 kugeza 05 Gicurasi 2023. Imikino yose yabereye ku bibuga byo muri IPRC Kigali ,Kicukiro.

Umukinnyi Marcin Andrzejczak ukomoka muri Poland mu bahungu yitwaye neza yegukana ibyiciro bibiri by'iri rushanwa.

Mu irushanwa rya mbere yegukanye igikombe atsinze ku mukino wa nyuma Umunyarwanda, Hakizumwami Junior amaseti 2-0 (6-2 na 6-2).

Muri iki cyiciro, abakinnyi 9 muri 11 bari baserukiye u Rwanda (Nshimiyimana Edison, Manishimwe Emmanuel, Cyubahiro Victor Angelo, Manzi Rwamucyo David, Munyekuzo Gentil, Twahirwa Prince, Kwizera Christian, Karenzi Brian na Mugisha Emmanuel) baviriyemo mu ijonjora rya mbere (Round 1) naho Ishimwe Claude aviramo muri ¼ atsinzwe na Hakizumwami Junior watsindiwe ku mukino wa nyuma.

Mu bakobwa, Natalia Klys (Poland) yegukanye umwanya wa mbere atsinze ku mukino wa nyuma Sosanne Malak (Misiri) amaseti 2-0 (6-1 na 6-3).

Muri iki cyiciro abakinnyi bane bari bahagarariye u Rwanda (Weilk Eunice Leona, Nishimwe Carine, Tuyishimire Rona na Mbaruru Shema Annabelle) baviriyemo mu cyiciro cya kabiri "Round 2".

Mu irushanwa rya kabiri, ryabaye taliki 01 kugeza 05 Gicurasi 2023, mu bahungu Marcin Andrzejczak yegukanye irushanwa atsinze mugenzi we Julius Stanczyk amaseti 2-0 (6-2 na 6-2). Aba bakinnyi bombi bakomoka muri Poland.

Uretse Ishimwe Claude waviriyemo muri ½ , abandi bakinnyi 8 bari baserukiye u Rwanda ari bo Kwizera Christian, Ngarambe Ivan Gift, Karenzi Brian, Manishimwe Emmanuel, Niyonsenga Pierre, Mugisha Emmanuel, Cyubahiro Victor Angelo na Igiraneza Elysee baviriyemo mu ijonjora rya mbere (Round 1).

Mu bakobwa, Zosia Bielus yegukanye irushanwa atsinze Natalia Klys wari wegukanye icyiciro cya mbere cy'iri rushanwa. Zosia yamutsinze amaseti 2-1 (6-7, 7-5 na 7-5). Aba bakinnyi bombi bakomoka muri Poland.

Abakinnyi 5 bari baserukiye u Rwanda ari bo Tuyishime Rona, Shema Mbaruru Annabelle, Weilk Eunice Leona, Nishimwe Carine na Teta Ines baviriyemo mu ijonjora rya mbere (Round 1).














# **Basketball :** Amakipe yose azakina imikino ya nyuma BAL 2023 yaramenyekanye

Kuva taliki 26 Mata kugeza 06 Gicurasi 2023 i Cairo mu Misiri habereye imikino y'amajonjora yo mu itsinda B "Nile Conference" mu mikino y'Afurika "Basketball Africa League (BAL 2023)".

Nyuma y'iyi mikino, ikipe ya Petro de Luanda (Angola), Al Ahly (Egypt), CFV Beira (Mozambique) na Cape Town Tigers (South Africa) yabonye itike yo kuzakina imikino ya nyuma ya BAL 2023 izabera i Kigali taliki 20 kugeza 27 Gicurasi 2023. Aya makipe akaba yariyongereye ku yandi 4 ari yo Stade Malien (Mali), AS Douanes (Senegal), REG BBC (Rwanda) na ABC Fighters (Côte d'Ivoire) yabonye itike nyuma yo kwitwara neza mu mikino yo mu itsinda A "Sahara Conference" yabereye i Dakar muri Senegal kuva taliki 11 kugeza 21 Werurwe 2023.

Iyi mikino yo mu itsinda B "Nile Conference" yabereye muri Hassan Moustafa Sports Hall yahuje amakipe 6 yagombaga guhatanira imyanya 4 ari yo Al Ahly (Egypt), Cape Town Tigers (South Africa), City Oilers (Uganda), CFV Beira (Mozambique), Petro de Luanda (Angola) na SLAC (Guinea).

Aya makipe yakinnye hagati yayo maze 4 ya mbere aba ari yo abona itike yo kuzakina imikino ya nyuma.

Ikipe ya Petro de Luanda ni yo yitwaye neza isoza iyoboye urutonde aho yatsinze imikino yose uko ari 5. Iyi kipe yatsinze City Oilers amanota 89 kuri 71, itsinda CFV Beira amanota 101 kuri 76, yatsinze Cape Town Tigers amanota 87 kuri 48, itsinda SLAC amanota 95 kuri 78 nyuma itsinda Al Ahly amanota 91 kuri 90.

Ku mwanya wa kabiri hasoreje ikipe ya Al Ahly aho yatsinze imikino 4 muri 5. Ku mwanya wa 3 hasoreje ikipe ya CFV Beira yatsize imikino 2 muri 5, ku mwanya wa 4 hasoreza Cape Town Tigers na yo yatsinze imikino 2 muri 5. Aya makipe akaba ari yo azakina imikino ya nyuma. Andi makipe abiri, SLAC yasoreje ku mwanya wa 5 na City Oilers yasoreje ku mwanya wa 6 zatsinze umukino umwe.

**Uko imikino ya nyuma izagenda**

Nyuma y'iyi mikino y'amajonjora mu matsinda yombi "Sahara Conference" na "Nile Conference" , imikino ya nyuma biteganyijwe ko izabera muri BK Arena i Kigali kuva taliki 20 kugeza 27 Gicurasi 2023.

Mu mikino ya ¼ , taliki 20 Gicurasi 2023, ikipe ya Stade Malien izakina na Cape Town Tigers naho ikipe ya REG BBC ikine na Al Ahly.

Taliki 21 Gicurasi 2023, ikipe ya AS Douanes izakine na CFV Beira naho ikipe ya Petro de Luanda ikine na ABC Fighters.

Taliki 24 Gicurasi 2023 hazaba imikino ya ½ cy'irangiza aho ikipe izatsinda hagati ya REG BBC na Al Ahly izahura n'izatsinda hagati ya Stade Malien na Cape Town Tigers. Undi mukino uzahuza ikipe izatsinda hagati ya AS Douanes na CFV Beira n'izatsinda hagati ya Petro de Luanda na ABC Fighters.

Taliki 26 Gicurasi 2023 hazaba umukino wo guhatanira umwanya wa 3 naho taliki 27 Gicurasi 2023 habe umukino wa nyuma wo guhatanira igikombe.

Irushanwa riheruka "BAL 2022" ryegukanwe n'ikipe ya US Monastir yo muri Tunisia itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Petro de Luanda yo muri Angola amanota 83 kuri 72, iyi kipe ya US Monastir yabaye iya kabiri ubwo BAL yakinwaga ku nshuro ya mbere muri 2021 ikegukana igikombe giheruka cya BAL 2022 nta bwo yashoboye kubona itike yo kuzakina iyi mikino ya nyuma uyu mwaka wa 2023.








RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave